

8/26/18

## *Ubutumwa bwa Padiri Jim ,*

Ndashimira kandi mbikuye ku mutima inshuro nyinshi cyane !! Rick Collini umaze imyaka irenga mirongo itatu n'itanu akorera kiliziya ya mutagatifu Lewo .Rick yakoze akazi ke neza mbese ni umukozi buri muntu yifuza ko yamukorera .Rick azatangira ikiruhuko cy'izabukuru ku italiki ya 31/8/2018. Rick akazi yakoraga azakagabanya maze akore amasaha makeya mucyumweru yari asanzwe akora amasaha mirongo ine mucyumweru .Rick yakorereye neza kiliziya ya mutagatifu Lewo kuva yatangira kugeza magingo ya . Rick n'intanga rugero yaburimuntu wabashije kumumenya Yewe n'abataranashije kumenya bose abafata kimwe ari nabyo biranga abana b'Imana komeza ukore neza kandi Rick azagaruka gukora noneho akora amasaha makeya mucyumweru . Rick komeza ukore neza ube intanga rugero mubana b'Imana kandi Imana izakugenda imbere mubyo ukora byose !

Kandi turaha ikaze Roger guard akaba ariwe usimbuye Rick mukazi yakoraga hano kuri mutagatifu Lewo iCincinnati. Rick azajya akorana na Roger turatekerezako bazakorana neza nkuko bisanzwe akazi Kabo bombi turatekereza ko kazagenda neza cyane kuko bombi ni abakozi b'Imana .Turabemera bombi bazageza aheza bahe icyitekeeezo cyiza Paruwasi yacu ya Mutagatifu Lewo. Turabatumiye mudufashe kuza muguhimbaza Imana mu gitambo cya misa kizaba italiki ya 9 z'ukwezi kwa cyenda sayine n'igice ( 10:30 am). Kandi musenyeri usimbura uwa diyosezi ya Cincinnati niwe musenyeri

Benzer niwe izadufasha kwizihiza iyo misa hamwe n'abakristu bacu bose . Dukeneye abakorera bushake hano kuri Paruwasi ya Mutagatifu Lewo ni amasaha 3-4 kucyumweru . Gukubura muri za toilet , muri za ofisi za hano kuri paruwasi ya Mutagatifu Lewo . Gukubura ubucafu muri za ofisi hano kuri paruwasi muze muri benshi kudufasha ! Birasanzwe gufasha abantu bityo bituma natwe tumererwa neza cyane ! Ariko abantu bose bababashije kugira umutima mwiza wo gufasha bagenzi babo isi yarushaho kumererwa neza. Uwifuza gufasha yahamagara kuri (513) 921-1044 ext ( 20).

Umunsi w'agakiza hamwe na musenyeri Joe Binzer ni kuwagatatu z'ikwezi kwa cyenda samoya n'igice kuri paruwasi ya Mutagatifu Ignatius ushobora gusengerwa cyangwa ugasengera mugenzi wawe maze umwami wacu Yezu kristu akagukiza .

Mwese tubifurije icyumweru cyiza kuri mwese bakristu ba Mutagatifu Lewo Twese hamwe tuzatsinda muri Kristu mujye mwese mwubaha Imana rurema kuko Imana ariyo ngira . Imana iradukunda cyane kandi tujye tuyubaha burigihe tuyihimbaza muri byose kuko iratwumva Imana yacu . Mugire amahoro y'Imana kandi mubane na Yezu kristu n'imigisha ye yose.